MIJEUNESPORTS Doc : 47
P : 249

— Correspondances

3/3/1982 — 8/11/1983

D/019/3/T

/S.C1./F.M./

0 8 NOV. 1983

3084 /12.08.01

Bwana Prefe wa Prefegitura
K I G A L I

Bwana Prefe,

Nkulikije ibaruwa yawe n°1272/03.09.01 yo kuwa 28 Ukwakira 1983 isaba Stade y'i NYAMIRAMBO kugira ngo Prefegitura ya KIGALI izabone aho yakilira Nyakubahwa Prezida wa Republika kuwa 15 Ugushyingo 1983, ndakumenyesha ko iyo Stade mushobora kuzayikoresha, bityo muzashobore gutunganya ibiroli mwateguye uwo munsi.

Birumvikana ko imilimo y'itegura n'isukura rya Stade bigomba kuzakorwa n'izindi nzego zibishinzwe, zibisabwe na Prefegitura uyobora.

Ministri w'Urubyiruko
n'Imikino
NDINDILIYIMANA Augustin
Major

**Bimenyeshejwe:**

- Bwana Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  K I G A L I
- Bwana Ministri w'Imilimo ya Leta
  K I G A L I
- Bwana Diregiteri wa Ofisi y'Amatangazo ya Leta
  K I G A L I

/ M.Just./

REPUBLIQUE RWANDAISE
PREFECTURE DE KIGALI
--------- o --------

Kigali, le 28 OCT. 1983

N° 1272 /03.09.01

A traiter par ....................
Date entrée : 4/11/83
N° Classement : 5316/12.

Bwana Ministri w'Urubyiruko n'Imikino
KIGALI

Objet : Kwakira Nyakubahwa
Prezida wa Republika
kuwa 15/11/1983.

Bwana Ministri,

Nshimishijwe no kubamenyesha ko Nyakubahwa Prezida wa Republika azagenderera Prefegitura yacu ya Kigali kuwa 15 Ugushyingo 1983.

Kubera ko twateganyije kuzamwakilira kuli Stade i Nyamirambo ho hagali, ndifuza ko iyo Stade yazaba imeze neza ibereye ibyo biroli.

PREFE WA PREFEGITURA
HABARUSHAKA Claudien

Bimenyeshejwe :

- Bwana Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
KIGALI
- Bwana Ministri w'Imilimo ya Leta
KIGALI
- Bwana Diregiteri wa Ofisi y'Amatangazo ya Leta
KIGALI